→ SDG7 pour classt

# INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YA SELIRE YABAYE TALIKI 23 NZELI 1987

Ku italiki ya 23 Nzeli 1987, Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yayoboye inama yahuje abamilitante n'abamilita bagize Selire ya MIJEUCOOP. Yatangiye yibutsa ko iyo nama yali ngombwa a akulikije uko muli Ministeri abategetsi (chef de service) bali muli konji, abandi bakunze kujya muli misiyo kubera programu z'amarushanwa zitegurwa, hali n'imyanya idafite beneyo ibyo byose bikaba byatuma abakozi badohoka kuko ntaw'ubakulikirana.
Kugirango akazi gatungane, byabaye ngombwa ko abantu bahura kugirango bashyire ibitekerezo hamwe kandi bagire umugambi umwe ku kazi.

Iyo nama yibanze ku cyerekezo cy'ishingiro alicyo guhuliza hamwe imirimo n'ibitekerezo (cohérence). Muli ilyo huliza hamwe ly'imirimo n'ibitekerezo, Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yibukije imirimo y'ingenzi Ministeri yimirije imbere muli iki gihe (4ème trimestre). Yifuje ko abakozi bakwiye kumenya iyo mirimo iyo aliyo, uko itegurwa n'uko ikwiye gukorwa.
Niyo iyi:

1° <u>AMARUSHANWA HAGATI Y'AMASHYIRAHAMWE Y'URUBYIRUKO, CERAI NO HAGATI YA ZA KOPERATIVE</u>

Ayo marushanwa azayoborwa kandi agenzurwe n'inzego za Prefegitura. Raporo zizakorwa muli urwo rwego zizashyikirizwa Ministeri aliyo igomba kureba niba ayo marushanwe yarakozwe akulikije amabwiriza yatanzwe. Kandi izakulikirana iby'ingenzi bivugwa muli izo raporo.

2° <u>IGENAMIGAMBI (Stratégie Sectorielle):</u>

Ministri yibukije inama yabereye i Remera, iteraniwemo n'abayobozi b'imilimo muli Ministeri ayobora n'intumwa zo muli Ministeri y' Igena Migambi. Abali mu nama bumvikanye uko ilyo genamigambi ligomba gukorwa n'ibyalikubiramo. Uwo murimo uzakomeza gukorwa n'abashinzwe imilimo muli iyi Ministeri yacu; abandi bakajya bamenyeshwa aho imirimo igeze.

3° <u>IBARURA LY'IBIKORWA BY'URUBYIRUKO</u>

Kugeza ubu, uwo murimo w'ingenzi wasaga naho wahaliwe abantu bamwe. Ministri yifuje ko washingwa abakozi benshi bakungurana ibitekerezo, bagashyira kuli gahunda ingingo za ngombwa zishyikilizwa inzego zo hejuru.

.../...

4° ISERUKIRAMUCO Y'URUBYIRUKO (Festival de la Jeunesse)

Uyu mwaka hateganyijwe iserukiramuco y'Urubyiruko (Festival), Urubyiruko rukazagaragara, rukerekana ibikorwa byarwo; abayobozi nabo bakaboneraho umwanya wo kurugezaho amabwiriza yuko rugomba kubaho no gukora, ababyeyi bagasabana n'abana babo. Ku byerekeye iyo Festival, Ministri yasabye ushinzwe ubuyobozi bw'urubyiruko (Division encadrement), Milita KAREKEZI Epimaque, ko yategura dosiye yerekeye iyo Festival kugirango izashyikirizwe Prezidansi ya Muvoma yifuje kuba yakunganira Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative mu itegura no mu itunganywa ly'iyo Festival, ihereye ku mafaranga yali ateganyijwe mu gutegura Urugaga rw'Urubyiruko (J.M.R.N.D.),

5° RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMWAKA MULI MIJEUCOOP (Rapport annuel)

Ministri yababajwe n'uko raporo y'umwaka w'1986 yagombaga kuba yararangiye muli Gashyantare 1987 kugeza n'ubu ikaba itaratungana. Yifuje ko abayobozi b'imilimo bakwihutira gutangira gutegura iy'uyu mwaka w'1987.

6° IKIGANIRO NKANGURAMBAGA CYA MIJEUCOOP

Icyo kiganiro kigamije kugaragaza ibikorwa bya Ministeri, ni ngombwa ko cyategurwa bihagije. Ababitegura bagomba guhitamo injyana z'indilimbo zihuje n'ikiganiro cy'uwo munsi ali nayo mpamvu abashinzwe ibyo umuziki bakwiye kunganira abategura ibyo biganiro. Abo ni:

- RUGERINYANGE Jeanne
- NGWIJE Evariste
- NIYOKINDI Agnès
- MUNYANEZA Epimaque
- KAVANGE Karaveri
- GAHAMANYI Laurent

7° GUSHYIGIKIRA URUBYIRUKO RWO MULI KOMINI NYARUGENGE

Kuva kera Ministri yifuje ko muli Ministeri ayobora bagaragaza ko programu zo gushyigikira urubyiruko zishoboka. Avuga ko abakozi babigaragaza bahereye ku rubyiruko rubegereye.

.../...

Kubera iyo mpamvu Segiteri KIMISAGARA ikazaba intangarugero kuko aliyo izubakwamo inzu y'Urubyiruko. Hemejwe ko abasanzwe bashinzwe ibikorwa byo gushyigikira urubyiruko muli MIJEUCOOP (Division Encadrement), alibo KAREKEZI Epimaque, MBONEZA Gaspard na MUKABURASA Spéciose, bifashishije n'abandi bakorana, bagomba gufata iya mbere. Bakisunga ubutegetsi bwa Komini n'ubwa Segiteri, bakareba ukuntu bahuliza hamwe urwo rubyiruko r rwa Segiteri KIMISAGARA, bakarukangulira ibikorwa. Nyuma lero, izindi nzego za Ministeri zikazakulikiraho uhereye ku Buyobozi Bukuru bwo Gutsura za Koperative.

8° IGENZURA LY'IBIGO BY'URUBYIRUKO (Inspection des centres de formation de la Jeunesse)

Ministri yavuze ko ilyo genzurwa ritagomba kuba mu kajagari, ahubwo hagomba kubaho uburyo buzwi kandi bugakulikizwa na bose. Haba hali ingingo nshya ibonetse ikaba yakongerwaho. Abategeka ibyo bigo bagomba kumenyeshwa amabwiliza agenga ilyo genzura.

9° GUHULIZA HAMWE IMILIMO N'IBITEKEREZO

Mu guhuliza hamwe imirimo n'ibitekerezo, byagombye kuba kenshi no mu kazi gasanzwe. Haba hali umurimo ukeneye inkunga y'abantu benshi umwe ntabe yawihalira kugeza ubwo yawukora k'uburyo butuzuye. Birazwi neza ko inkingi imwe itagera inzu. Ikindi kandi kandi buli mukozi wese akagomba gukulikira ibikorwa byose mu rwego rw'akazi ke. URUGERO: Umukozi ugiye mu butumwa agomba kumenya, akanamenyeshwa amadosiye yose yabanje yerekeranye n'ubwo butumwa. Ibyo bikaba byatuma akazi kamwe kadasubirwamo buli gihe kubera kutamenya uko katangiye n'aho bigeze.

10° UMUGANDA NA ANIMASIYO

Agarutse ku byerekeye Umuganda n'animasiyo, Ministri yavuze ko byombi bigomba gutegurwa neza. Nko ku munsi w'Umuganda, abakozi b bose bagomba kujyayo, hagasiba ufite impamvu zizwi kandi zemewe na Ministri ubwe. Mu rwego rw'animasiyo, haba irushanwa, abagomba gukina bakajyayo, abandi bumva bafite izindi programu z'imikino bagateganyirizwa nabo uburyo bwo kuyikora.

Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative yarangije inama yibutsa abakozi bose ko bagomba kwita ku kazi bashinzwe, bagakorana umurava wo guhuza iteka ibikorwa n'imigambi.

UMWANDITSI
AHORWABAYE Anastase.

UWAYOBOYE INAMA:
Ministri w'Urubyiruko no
Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Lt Col BEM.-